

Kubona Urukingo: icyo Wakwitega

Kwitegura

1. Menya byinshi ku nkingo za [COVID-19](#) cyangwa ugire uwo usaba kugufasha kubona amakuru.
2. Baza muganga wawe mu gihe hari ibibazo ufite bijyanye n'urukingo rwa COVID-19.
3. Inama [y'ubuyobozi y'abafite ubumuga](#) mu gace mutuyemo bazagufasha kumenya igihe cyawe cyo gukingirwa.
4. Bitwara igihe gukora inkingo zihagije bose no gutegura randevu yawe. Ushobora kudahita ubona urukingo rwa COVID-19 ako kanya. Gira kwihangana.
5. Mu gihe ugezweho, ushobora guhitamo gukingirwa cyangwa ukabireka.
6. Uzuzwa ifishi yitwa Ibyo Kumenya Binyerekeye mbere y'uko ujya kuri randevu yawe.
7. Soma cyangwa umuntu agusomere [inkuru](#) yerekeye gufata urukingo rwa COVID-19.
8. Urwego rushinzwe ubuzima, ibitaro, cyangwa farumasi by'aho utuye bazagukingira nuba wahisemo gufata urukingo rwa COVID-19.



Randevu

1. Ushobora gufatira urukingo rwa COVID-19 mu ivuriro, ibitaro, cyangwa muri farumasi.
2. Uzahabwa urukingo mu buryo bwo guterwa urushinge ku kaboko.
3. Nyuma yo gukingirwa, uzategereza umwanya muto mbere yo kugenda kugira ngo hizerwe neza ko nta bwivumbure bw'umubiri bukabije bubayeho.
4. Ni ibisanzwe ko inkingo zigira ingaruka ku bantu. Ushobora kubabara ku kuboko, kumenagurika umutwe cyangwa kumva unaniwe.



Gukurikira urukingo

1. Uzakenera doze ya kabiri ku nkingo nyinshi za COVID-19.
2. Nyuma yo gukingirwa, uzahabwa ifishi igaragaza randevu yawe y'igihe uzafatira doze ya kabiri y'urukingo.
3. Uzakomeza kwambara agapfukamunwa no gusiga intera hagati yawe n'abandi kugeza igihe umubare munini w'abantu uzaba waramaze gukingirwa.



Ku bindi bibazo bijyanye n'urukingo rwa COVID-19, hamagara Urwego rushinzwe ubuzima muri Ohio kuri 1-833-4-BAZA-URWEGO RUSHINZWE UBUZIMA MURI OHIO (1-833-427-5634) cyangwa usure urubuga rwa coronavirus.ohio.gov